# Bibiliya y'abana
irerekana

Isezerano
Imana yahaye
Aburahamu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Nyuma y'Igihe kirekire umwuzure ubaye, abantu kw'isi bategura umugambi.

"tugiye kubaka umudugudu
n'inzu y'amatafari ndende
igere ku ijuru" baravuga.

"Dukomeze tubane ibihe byose" bose bavugaga ururimi rumwe.

Imana yifuzaga ko
abantu batura hose mu
isi yaremye. Yakoze
ikidasanzwe.

Bidatinze abantu bavuga
indimi nyinshi zinyuranye.
Imana ibaha kuvuga
indimi nshya.

Abavugaga ururimi rumwe batangira kwivangura.

Batangira gutinyana kuko batumvikanaga mu mvugo.

ubwo nibwo buryo Imana
yakoresheshe ibatatanirizamu bihugu

binyuranye.

Umudugudu bahagaritse kubaka wiswe babeli bisobanura ngo urujijo.

Nyuma y'imyaka myinshi, ahitwa Uri y'abakuludaya, ...



... Imana ivugana n'umugabo witwa Aburamu "Va muri iki Gihugu" Imana irategeka.

"Genda mu gihugu nzakwereka".

Aburamu arumvira. Imana imuyobora i Kanani. Umugore we Sarayi n'umuhungu wabo Loti (muhungu wa Harani) baramukurikira.



Bageze i Kanani Loti na Buramu bagwijije ubutunzi. Bagize amashyo y'amatungo.

Ntabwo bari bamenyereye ubworozi bw'amatungo menshi.

Abashumba ba Loti
n'ab'Aburamu baratongana.
Aburamu ati: ntibidutere
gutongana.

Ahubwo dutandukane. Loti, Ni wowe uhitamo bwa mbere aho ushaka gutura.

Loti ahitamo ikibaya
kinini cy'ibyatsi bitoshye
kirimo imigi
n'imidugudu.

Cyasaga neza. Aliko iyo midugudu yari mibi kubera ibyaha.

Loti amaze kugenda,
Imana yongera ibwira
Aburamu iti:

Nguhaye igihugu cya Kanani, Iki gihugu ni icyawe n'urubyaro rwawe iteka ryose.

Aburamu na Sarayi nta rubyaro bari bafite. Ni gute Imana yabitse isezerano?

Abagabo batatu b'Imana boherezwa kwa Aburamu na Sara.

Baravuga bati: "Mugiye kubyara umwana", Sara aratangara.

Ntabwo yizeraga ubwo butumwa bw'Imana.  Yari afite imyaka mirongo urwenda.

Imana ibwira Aburamu iti uhereye ubu uzitwa Aburahamu ...

... (umubyeyi w'icyubahiro) na Sarayi azitwa Sara umwamikazi.

Imana ibwira Aburahamu ko igiye gusenya imigi ya Sodomo na Gomora.


Umwishwa wa Aburahamu yari atuye Sodomo n'umuryango we.

Loti yemera integuza y'Imana avayo aliko abagabo ba bakobwa be banga kuva Sodomo.

Mbega ibikomeye! Ntabwo bizeraga ijambo ry'Imana.

Loti n'abakobwa
be babiri nibo
babonye umutekano.

Umuriro w'amazuku utwika iyo midugudu yuzuye ubugome bw'Ibyaha.

Ikibabaje, umugore wa Loti ntabwo yumviye ...

... amabwiriza y'Imana maze areba inyuma ubwo yirukaga.

ahinduka inkingi y'umunyu.

Imana yashoje isezerano yahaye Aburahamu na Sara.

Babyaye
umwana
mu
myaka
y'izabukuru
nkuko
Imana yari
yarabivuze.

Mbega umunezero bagize Isaka amaze kuvuka !

Ahari na
Aburahamu
yatekerezaga
ku masezerano
y'Imana ...

... yo guhabwa igihugu cya Kanani we n'urubyaro rwe.

Imana
igomba
gusoza iryo
sezerano.
Imana iteka
isoza
amasezerano.

Isezerano Imana yahaye Aburahamu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 11-21

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16